Kigali, kuwa 30 Nyakanga 2020

Imvura iteganyijwe mu kwezi kwa Kanama 2020

Mu kwezi kwa Kanama 2020 mu Rwanda hateganyijwe kurangwa n'imvura iri hagati ya milimetero 0 na milimetero 50 Mu turere twa Rubavu, Musanze n'ibice bihana imbibi by'uturere twa Rutsiro, Burera na Nyabihu ndetse no mu ishyamba rya Nyungwe hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 30 na 50. Mu bice bisigaye byegereye ishyamba rya Nyungwe no mu bice bya ruguru by'intara y'Amajyaruguru n'Iburasirazuba hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 20 na 30. Mu majyepfo y'intara y'Iburasirazuba ndetse no mu gice cy'Amayaga hateganyijwe imvura iri munsi ya milimetero 5 mu gihe ahasigaye hose hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 5 na 20. Imvura iteganyijwe izagwa mu bice byose by'ukwezi kwa Kanama mu ntara y'Iburengerazuba ahegereye ikiyaga cya Kivu ndetse no mu ishyamba rya Nyungwe ikazaterwa n'imiterere yaho, naho mu bice`by'amajyaruguru, imvura iteganyijwe mu gice cya gatatu cya Kanamaikazaterwa n'isangano ry'imiyaga rihererereye mu gice cya ruguru cy'Isi rizaba ryatangiye kumanuka risatira akarere u Rwanda ruherereyemo.